# UMWAKA 2008

**INOMERO YUZUYE Y'UMUNYESHURI**

| Intara/Umujyi | Akarere | Umurenge | Ishuri | Umunyeshuri |
|---|---|---|---|---|
| | | | | |

**AMAZINA Y'UMUNYESHURI**

IZINA RYAWE BWITE: ______________________________________________

ANDI MAZINA YAWE: ______________________________________________

INOMERO Y'UMUNYESHURI N'AMAZINA YE BIGOMBA KUGARAGARA NK'UKO BYANDITSWE KURI "REGISTRATION FORM"

# IKIZAMINI CY'IKINYARWANDA
# UMWAKA WA GATANDATU 2008

**Igihe kimara: amasaha abiri**

**Banza usome uyu mwandiko witonze, ubone gusubiza ibibazo bijyanye na wo.**

Inzovu ni yo nyamaswa iruta izindi zose ubunini ku isi. Uyimbwirwa n'amatwi maremare n'amahembe yayo abiri. Ayo mahembe yayo mu kuri ni amenyo wakwita ay'imbere, rimwe rikaba ryampima kuva ku biro cumi kugera kuri mirongo ine.

Inzovu zirimo amoko abiri: iziba mu byanya na za pariki byo muri Afurika n'izo muri Aziya.
Izo muri Afurika zigira amatwi manini y'uruziga, naho izo muri Aziya zakagira udutwi dusongoye.

Inzovu ziba mu muryango ugizwe n'ingore cumi n'ebyiri n'ibyana, ukayoborwa n'ingore Y'inararibonye, ikuze kurusha izindi. Inzovu z'ingabo zigaruka mu bushyo ignore zarinze.

Iyo hari ikigiye guhungabanya umutekano w'ubushyo, umutware yikubitisha amatwi umubiri, maze inzovu zigahita zirema uruziga, ibyana bikiruka birujya hagati, bikihisha munsi y'inda y'izikuze.

Inzovu isa n'iyibuka ibintu: ngo yaba ishobora gufata amagambo cyangwa interuro zimwe ku buryo ikora ibikorwa bimwe usanga bijyanye na byo. Twavuga nk'umwana, mpereza kiriya kintu, nyura iburyo, utagwa mu mwobo. Ntibitangaje rero kuba mu nyamaswa z'ishyamba inzovu ari yo yabanye n'abantu ku buryo bworoshye kandi igihe kirekire, inzovu yo muri Aziya ikaba yaragaragaje ko itora vuba imico y'aho iba kurusha iyo muri Afurika.

Inzovu irya ibintu bitagira ingano: ishobora kurya hagati y'ibiro Magana abiri na magana atatu by'ibibabi n'imizi no kunywa nka litiro mirongo inani z'amazi buri munsi. Ni uko usanga zatsembye imyaka iri hafi ya za pariki, iyo aho ziba hatazitiye. N'ubwo hari ibyo zangiza, zitera ibintu aho zigendagenda, cyane cyane imbuto.

Inzovu ni kimwe mu biremwa bicurwa no gucika: ziricwa cyane kugira ngo hagurishwe amahembe yazo. Dore buri mwaka hicwa izigera ku gihumbi na Magana atanu. Amahembe yazo akorwamo ibintu byinshi bihenze, bikagurishwa ku isi yose.

Cyakora ku bw'Imana, mu mwaka w'igihumbi magana cyenda na mirongo inani n'icyenda, hafashwe ingamba mpuzamahanga zo kurinda inzovu, ariko ibihugu bitari bike ntibirashyira umukono kuri ayo masezerano.

**A. KUMVA UMWANDIKO**

1. Vuga ibintu bibiri bitandukanya inzovu zo muri Afurika n'izo muri Aziya.

_______________________________________________

2. Kuki inzovu rimwe na rimwe yona?

_______________________________________________

3. Umuntu agize ati "inzovu yangiza ibidukikije gusa", wamusubiza iki?

_______________________________________________

4. Kuki inzovu zicwa cyane ku isi?

_______________________________________________

5. Ni iki cyakozwe mu rwego rwo kurengera inzovu?

_______________________________________________

6. Andika mu kazu kabugenewe (V) niba interuro ihuje n'ibivugwa mu mwandiko cyangwa (F) niba interuro inyuranyije n'ibiwuvugwamo.

(a). Inzovu z'ingabo zihora mu bushyo bwazo. ☐

(b). Imbogo iruta inzovu ubunini ☐

(c). Inzovu z'ingore ni zo ziyobora umuryango. ☐

(d). Inzovu zitarinzwe zazashira mu myaka iri imbere. ☐

**B. INYUNGURAMAGAMBO**

7. Uzurisha buri nteruro ijambo rimwe uhisemo muri aya:

**inda, inyamaswa, uruziga, litiro, bicurwa, ingamba, zarinze.**

(a). Ingagi na zo ziri mu biremwa ______________________ no gucika.

(b). Izo shashi ko ______________________ wazibanguriye?

(c). Kwemeza ______________________ z'iterambere ni intambwe nziza, kuzubahiriza bikaba indi yisumbuyeho!

8. Andika imbusane ya "mbere". ______________________

**C. IKIBONEZAMVUGO**

9. Sanisha iyi nteruro mu nteko ya 13.

Ayo mahembe mu kuri ni amenyo maremare.

_______________________________________________

10. Amagambo aciyeho akarongo ni bwoko ki?

Inzovu yo <u>muri</u> Aziya ngo ni <u>yo</u> itora vuba imico <u>y'aho</u> iba.

_______________________________________________

_______________________________________________

11. Andika ntera iri mu gika cya nyuma cy'umwandiko.

_______________________________________________

12. Garagaza uturemajambo tw'aya mazina n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe:

(a). Umwobo:

_______________________________________________

(b). Byinshi

_______________________________________________

13. Andika iyi nteruro mu bumwe:

Dufata neza ibidukikije.

---

14. Koresha muri iyi nteruro ibihe bikuru bindi:

Inzovu zirimo amoko abiri.

---

15. Ijambo riciyeho akarongo rifite mumaro ki?

Imyaka zarayitsembye!

---

16. Tondeka aya magambo areme interuro iboneye, maze uyandike neza.

ni kavukire rudufatiye kandi zindi kiratworohera ikinyarwanda ururimi inyigisho runini kurusha pe

---

**D. IMYANDIKIRE YEMEWE N'IGIKESHAMVUGO**

17. Kosora izi nteruro niba zanditse nabi, cyangwa zubatse nabi cyangwa zibuzemo igikeshamvugo.

(a). Turatashye kuko ibirori by'Isabukuru bishize.

---

(b). Irinde guhura no kubangamira inzovu.

---

(c). Navutse mu w'1995.

---

(d). Uzaze ni mugoroba.

---

(e). Dukora ikizamini mu mpera z'ukwakira.

---

(f). Nta we udatangarira igifu cy'inzovu.

---

## A. KUMVA UMWANDIKO

1. Vuga ibintu bibiri bitandukanya inzovu zo muri Afurika n'izo muri Aziya.

______________________________________________________________________

2. Kuki inzovu rimwe na rimwe yona?

______________________________________________________________________

3. Umuntu agize ati "inzovu yangiza ibidukikije gusa", wamusubiza iki?

______________________________________________________________________

4. Kuki inzovu zicwa cyane ku isi?

______________________________________________________________________

5. Ni iki cyakozwe mu rwego rwo kurengera inzovu?

______________________________________________________________________

6. Andika mu kazu kabugenewe (V) niba interuro ihuje n'ibivugwa mu mwandiko cyangwa (F) niba interuro inyuranyije n'ibiwuvugwamo.

(a). Inzovu z'ingabo zihora mu bushyo bwazo. ☐

(b). Imbogo iruta inzovu ubunini ☐

(c). Inzovu z'ingore ni zo ziyobora umuryango. ☐

(d). Inzovu zitarinzwe zazashira mu myaka iri imbere. ☐

## B. INYUNGURAMAGAMBO

7. Uzurisha buri nteruro ijambo rimwe uhisemo muri aya:

**inda, inyamaswa, uruziga, litiro, bicurwa, ingamba, zarinze.**

(a). Ingagi na zo ziri mu biremwa ______________________ no gucika.

(b). Izo shashi ko ______________________ wazibanguriye?

(c). Kwemeza ______________________ z'iterambere ni intambwe nziza, kuzubahiriza bikaba indi yisumbuyeho!

8. Andika imbusane ya "mbere". ______________________

## C. IKIBONEZAMVUGO

9. Sanisha iyi nteruro mu nteko ya 13.

Ayo mahembe mu kuri ni amenyo maremare.

______________________________________________________________________

10. Amagambo aciyeho akarongo ni bwoko ki?

Inzovu yo <u>muri</u> Aziya ngo ni <u>yo</u> itora vuba imico <u>y'aho</u> iba.

______________________________________________________________________

______________________________________________________________________

11. Andika ntera iri mu gika cya nyuma cy'umwandiko.

______________________________________________________________________

12. Garagaza uturemajambo tw'aya mazina n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe:

(a). Umwobo:

______________________________________________________________________

(b). Byinshi

______________________________________________________________________

13. Andika iyi nteruro mu bumwe:

Dufata neza ibidukikije.

---

14. Koresha muri iyi nteruro ibihe bikuru bindi:

Inzovu zirimo amoko abiri.

---

15. Ijambo riciyeho akarongo rifite mumaro ki?

Imyaka zarayitsembye!

---

16. Tondeka aya magambo areme interuro iboneye, maze uyandike neza.

ni kavukire rudufatiye kandi zindi kiratworohera ikinyarwanda ururimi inyigisho runini kurusha pe

---

**D. IMYANDIKIRE YEMEWE N'IGIKESHAMVUGO**

17. Kosora izi nteruro niba zanditse nabi, cyangwa zubatse nabi cyangwa zibuzemo igikeshamvugo.

(a). Turatashye kuko ibirori by'Isabukuru bishize.

---

(b). Irinde guhura no kubangamira inzovu.

---

(c). Navutse mu w'1995.

---

(d). Uzaze ni mugoroba.

---

(e). Dukora ikizamini mu mpera z'ukwakira.

---

(f). Nta we udatangarira igifu cy'inzovu.

---